REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 13/11/1987

N° 3915 /15.08.02

cl 1

Bwana ..Dirperal..S.g.L..

Bwana,

Hamwe n'iyi baruwa, nishimiye kukugezaho inyandiko-mvugo y'inama yabereye mu kigo cy'Urubyiruko cy'i Kavumu i Nyabisindu ikaba yali ihuje abahanzi, abaririmbyi n'abacuranzi bo mu Rwanda ku matariki ya 25 na 26 Ukwakira 1987.

Nizeye ko niba utariyandikisha muli uwo mulyango ubigirira ubwira. Nizeye kandi ko uzawinjiranamo ishyaka ryo kuwuharanira no gushaka icyawuteza imbere cyose kubera akamaro ufitiye abahanzi, abaririmbyi n'abacuranzi bo mu Rwanda.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana RUKEBESHA Aloys
  C/O Présidence du M.R.N.D.
  K I G A L I
- Bwana SEBUDANGA Augustin
  C/O MINESUPRES
  K I G A L I.

RAPORO Y'INAMA Y'ABAHIMBYI, ABACURANZI N'ABALIRIMBYI YATERANYE KUVA KUWA 25 KUGEZA KUWA 26 UKWAKIRA 1987 MU KIGO CY'URUBYIRUKO CY'I KAVUMU.

===============================

INTANGILIRO :

Kuva taliki 25 kugeza kuya 26 Ukwakira 1987 mu Kigo cy'Urubyiruko i Kavumu hateraniye inama y'abahimbyi, abacuranzi n'abalirimbyi. Iyo nama ikaba yaratumijwe na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikayoborwa n'Umuyobozi Mukuru w'Imikino n'Imyidagaduro, Milita MUHATURUKUNDO Norbert.

Ku murongo w'ibyigwa hali :

- Ibibazo by'umuryango A.M.R. kuva ugishingwa kugeza ubu.
- Uko uwo muryango wavugururwa.
- Kubarura ahantu ibitaramo bishobora kubera.
- Kureba uko ibitaramo bya muzika bishobora gukorwa bikulikije gahunda izwi.
- Umutekano mu bitaramo.
- Uburenganzira bw'umuhanzi.
- Gutunganya amarushanwa n'amaserukira-muco.
- Gutora Komite y'ubuyobozi bwa A.M.R.

Lisiti y'abaje mu nama yometse kuli iyi nyandiko-mvugo.

IMILIMO Y'INAMA

Mu gutangiza inama, Umuyobozi ushinzwe Imikino gakondo n'Imyidagaduro muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative Milita NKULIKIYINKA Yohani Baptista yabanje gusobanura akamaro k'iyo nama n'akamaro ka muzika mu mibereho y'abaturage, ingorane abahimbyi, abacuranzi n'abaririmbyi bahura nazo ali mu guteza imbere ibikorwa byabo cyangwa kubigeza ku baturage, atanga inzira zanyurwamo kugira ngo bibonerwe umuti.

Umuyobozi w'Imikino gakondo n'Imyidagaduro yabwiye abaraho ko iyi nama ifite akamaro kanini mu guhuza abahimbyi, abacuranzi n'abaririmbyi kugira ngo barusheho kumenyana no guhuza ibitekerezo bishingiye ahanini ku mikorere y'ishyira-hamwe ryabo A.M.R.

Yakomeje agira ati umuziki ufite akamaro kanini mu gushimangira no guteza imbere umuco nyarwanda, kwamamaza amatwara na politiki by'igihugu n'ayizindi nzego zitsura amajyambere y'Igihugu, ugaragaza ibyishimo cyangwa akababaro k'abaturage.

.../...

Yasobanuye inkomoko y'umuziki :

Mu Rwanda dufite umuziki gakondo n'umuziki ukomoka mu mahanga. Abacuranzi bacu bafite ikibazo cyo kuvangitiranya ibyacu n'ibyahandi bikaba byabangamira inganzo yacu bwite.

Hali n'ikindi kibazo cyo kutagira ibikoresho bihagije by'umuziki no kudategura gahunda iboneye y'Imyidagaduro.

Muli izo ngorane halimo kutagira ishuli rya muzika; kudasohoka kenshi ngo bimenyekanishe mu mahanga ndetse bananenye ibyo abandi bagezeho.

Mu ishingwa ly'umuryango A.M.R., intego yali ugufatanya na Leta n'izindi nzego zibishinzwe gushakira ibisubizo ibibazo abacuranzi, abalirimbyi n'abahimbyi bahura nabyo.

Nyuma y'iryo jambo ry'Umuyobozi w'Imikino gakondo n'Imyidagaduro, hakulikiyeho ijambo rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative Milita NDINDILIYIMANA Augustin ali na ryo ryatangije inama ku mugaragaro. Yabwiye abali aho ko yishimiye kuba baraje mu nama ali benshi, akaba yaraje kubagira Inama nziza mubyo yifuza ko bibandaho kugira ngo bagere ku myanzuro ihamye atabizeje ibitangaza.

Yakomeje agira ati : Ministeri ifite ibice byinshi by'imikino aliko Imyidagaduro ntawe ushobora kumenya aho igarukira.

Ibyo dushobora gutegura ni imikino y'Itorero ry'Igihugu, iyizihiza taliki y'Uwagatanu Nyakanga, kwakira abashyitsi b'Imena. Hali no gutiza ibyuma bya muzika abacuranzi n'abalirimbyi.

Ikindi ni uko Leta yagoboka abalirimbyi n'abacuranzi ibashyiliraho ishuli ryabahugura, yubaka amazu n'ibibuga byo kwidagaduliramo usibye ko itegeko ligenga imikino n'imyidagaduro livuga ko abantu ku giti cyabo, amashyirahamwe alibo bashyiraho gahunda y'imitunganyilize y'Ibitaramo byabo.

Kubera ko imyidagaduro ali kimwe mu biranga umuco w'Igihugu, kandi hakaba n'Inzego nyinshi zirebwa n'icyo kibazo, yasabye abateraniye muli iyo nama ko bagaragaza icyo bateze ku rwego uru n'uru.

Ikindi kigomba kwitabwaho n'ukureba niba imyidagaduro yacu ishimisha koko abayireba.

Ministri NDINDILIYIMANA yashoje ijambo rye amenyesha abali aho ko iyi nama ya mbere itegura indi iteganijwe mu mezi ali imbere.

Nyuma y'iryo jambo rya Ministri habaye itora ly'abagize ibiro bigomba kuyobora inama.

Dore imiterere y'ibyo biro :

| | | |
|---|---|---|
| Prezida w'inama | : | MUHATURUKUNDO Norbert |
| Visi-Prezida | : | BEBWA John |
| Umuvugizi w'Inama | : | RUGAMBA Cyprien |
| Uwungilije Umuvugizi | : | UWIMANA J.M. Vianney. |

## I. IBIBAZO BY'UMULYANGO KUVA WASHINGWA KUGEZA UBU

### 1. Kunyereza umutungo w'umulyango "A.M.R."

Uwungilije Prezida w'Umulyango aliwe BEBWA yatangiye ashimira Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kubera ibyo yakoreye umulyango.
Dore bimwe muli byo :

- Kwita ku bibazo by'umulyango "A.M.R." kuva aho Kapitene NSENGIYUMVA Bernard atahukiye;
- Gufasha "A.M.R." gutegura Tombola no gukemura impaka zayivutsemo;
- Guha "A.M.R." ibyuma bya muzika;
- Kwamagana abacuranzi bamwe na bamwe basebya umulyango "A.M.R.";
- Gushyigikira "Opération NSENGIYUMVA" igikorwa cyitiliwe NSENGIYUMVA.
- Guteganyiliza Umulyango "A.M.R." Umukozi n'Ibiro bishobora kuzaboneka muli "Stade National" niyuzura;
- Gutanga amafaranga yateguye iyi nama.

Milita BEBWA yakomeje agaragaza imigambi Umulyango "A.M.R." wali ufite, iyatunganye n'itaragezweho. Iyali itangiye kugerwaho :

- Ikarita y'abanyamulyango
- Gucuranga igihe cy'imipira bikamenyekanisha indilimbo nshya, bigakangura abaturage; abacuranzi na A.M.R. bakamenyekana kandi bakagira icyo binjiza
- Iyandikwa ly'agatabo "Inganzo y'abalirimbyi" kagaragaza amafoto, ibitekerezo n'ibibazo by'abahanzi.

Hali indi migambi itarashoboye kugerwaho :

- Gushinga Kiosques ebyili za A.M.R. zagulishilizwamo kandi zikamamaza ibikorwa by'uwo mulyango;
- Gukora Sinema y'abalirimbyi n'abanyabukolikoli;
- Gukoresha Tombola za buli mwaka;
- Gufatanya na Ministeri nkuko ishyira-hamwe ly'umupira w'amaguru "FERWAFA" likorana na Ministeri.

.../...

Kubyerekeye inyerezwa ly'Umutungo, habaye ubufatanye buke bw'umulyango "A.M.R." na Ministeri.

Umwe mubanyamulyango yaje gukoresha umutungo wa A.M.R. nkaho ali uwe kuburyo mw'isanduku hasigayemo (562 FRW) magana tanu na mirongo itandatu n'abili. Uwo munyamulyango akaba yaraligishije miliyoni imwe n'ibihumbi magana inani na mirongo inani na bitanu (1.885.000 FRW).

2. <u>Kudasobanukirwa neza n'Imiterere y'Umulyango</u>

Abacuranzi bamwe bagaragaje ko batazi neza amavu n'amavuko y'uwo mulyango "A.M.R."

3. <u>Kutagira Komite y' A.M.R. izwi n'inzego z'ubutegetsi</u>

Izo ngorane zaturutse kumunyamulyango waba yararigishije inzandiko n'amafaranga byali biteganijwe mu gutangaza Komite ya A.M.R. mw'Igazeti ya Leta. Ibyo bikaba byaratumye abali mu nama bibaza niba bashobora gutora indi Komite nshya.

Aliko babisuzumye neza basanga ilyo tora lidashoboka kubera iyi mpamvu :

- Inama yateguwe na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ntabwo ali iy'umulyango "A.M.R." kandi Komite itorwa n'abagize inama rusange y'umulyango.
  Kubera iyo mpamvu A.M.R. ihangayikishijwe n'icyo kibazo kuko idashobora gukulikirana uwanyereje umutungo imbere y'ubucamanza kubera ko ntawe uyihagaraliye uzwi n'ubutegetsi.

Inama imaze gusuzuma ibyo bibazo byose, yemeje ko Komite yali iliho yakomeza kuko yemewe n'amategeko agenga umulyango kandi ikaba yasohoka mw'Igazeti ya Leta.

Komite iliho yasabwe kugaragaza raporo y'ibikorwa by'umulyango kuva muli 1984 kugeza ubu.

## II. <u>UKO "A.M.R." YAVUGURURWA</u>

Umuyobozi w'Inama yamenyesheje abayiteraniyemo, ko bahamagaliwe kugira icyo bavuga kugira ngo buli wese agire icyo avuga kuli A.M.R., niba koko igomba kubaho, uko igomba gushyigikirwa ndetse n'uko undi wese ubishaka yayinjiramo.

Dore lero ibigomba kwitabwaho nkuko abali mu nama babisuzumye :

- Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igomba gufasha A.M.R. kwamamaza muzika nyarwanda mu mahanga;
- Gushaka imfashanyo mu bihugu by'inshuti cyangwa mu milyango mpuzamahanga;
  Urugero : A.C.C.T.; UNESCO ...
- Gushimangira disipline muli Komite, abanyamulyango bagafatanya gushakira isoko ibikorwa byabo;
- Gutegura Iserukira-muco ry'indilimbo;
- Gushyikirana n'abacuranzi, n'abalirimbyi bo mu mahanga;
- kubaka inzu yo gukiniramo no kwidagaduliramo;
- Abahanzi ba muzika bagomba kwishyira hamwe kugirango batore abagomba kubahagaralira barengera inyungu zabo imbere y'ubutegetsi;
- Kumenya ahashobora gukinirwa hose mu gihugu kuburyo hadahungabanya umutekano wa rubanda;
- Gutumiza abatoza bo hanze kugirango baze guhugura abacuranzi ba muzika;
- Gushyiraho urubuga rw'abacuranzi, n'abahanzi;
- Kugabanya ibiciro byo gukodesha ibyuma bya muzika n'amazu akinirwamo kugeza nko kuli 10%;
- Guteganya amahugurwa y'abalirimbyi n'abacuranzi kugirango barusheho gusobanukirwa n'ibya muzika;
- Guhuza inzego z'ubutegetsi zishinzwe kwamamaza no guteza imbere iby'umuco kugirango bifashe abahanga mu bya muzika kugeza ibihangano byabo kuli rubanda nyamwinshi;
- Gutegura inama y'umulyango mu mezi ya vuba kugirango bakureho umwuka mubi Komite ya mbere yasize, byashoboka hagatorwa Komite nshya;
- Umulyango A.M.R. ukwiye uruhare rugaragara mw'itegurwa ly'amarushanwa n'amaserukira-muco, igashyiraho ingingo zigomba gukulikizwa;
- Abanyamulyango bagomba gutanga umusanzu wo guteza imbere umulyango;
- Mu gushyiraho Komite ya A.M.R., izatorwa, ni ukureba ukuntu hazashyirwaho abantu b'inyanga-mugayo bashobora kuvugira umulyango batireba ubwabo;
- Mu mibereho yayo igaragara A.M.R. igomba kugira ikintu cyerekana ko itegeka kandi aliyo yonyine irebera abanyamuziki. Orchestre ivutse umulirimbyi utangiye cyangwa korali bakamenya ko bareberwa na A.M.R., bakilinda kuba ba nyamwigendaho, cyangwa kanaka ati ndihagije kuko icyo gihe A.M.R. itaba igifite impamvu yo kubaho;
  A.M.R. niyo igomba kurebera abanyamuziki orchestre ivutse ikayivukiramo, ivuyeho, A.M.R. ikayimenya, iliho ikaba iyilimo;

.../...

- Komite iliho yavuze ko idashoboye gukomeza kuyobora A.M.R., Ministeri rero igomba guhuza abanyamuziki ikabarebera, ikabarengera, ikabatera inkunga kugeza igihe A.M.R. itera imbere igashinga imizi.

Prezida w'inama yungamo avuga ati izo ngingo hamwe n'izindi zavuzwe mbere ni nziza kuko zizadufasha gutegura iteka rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative lizaba likubiyemo amabwiliza areba imikino n'imyidagaduro mu Rwanda.
Ibyifuzo byanyu kandi bikazamulikira abashinzwe gutegura umugambi mushya wa Leta.

Nyuma yaho, Prezida w'inama aha ijambo Milita SEBUDANGA, wali uhagaraliye Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga muli iyo nama.

Milita SEBUDANGA abanza kuvuga ko ashyigikiye igitekerezo cy'uko Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative zahura zikumvikana ku mbibi z'imilimo zishinzwe zombi.

Akomeza asobanura itegeko ligenga uburenganzira bw'abahimbyi n'abahanzi mu Rwanda.
Yabwiye abagize inama ko adashobora gusoma itegeko ryose, avuga ko ushaka azalisanga mw'Igazeti ya Leta yo kuwa mbere Mutarama 1984 n° 27/1983 yo kuwa 15 Ugushyingo 1983.

Ingingo z'ingenzi z'iryo tegeko ni izi :

- Umuhimbyi afite uburenganzira bwuzuye bwo kwitiririrwa indilimbo ye : ntigomba guhindurwa, kulirimbwa ku buryo adashaka. Afite kandi uburenganzira bwo guhagalika itangazwa ry'igihangano cye.
- Igihe igihangano gikoreshwa mu buryo buzana inyungu, nyiracyo agomba kubitangira uruhusa kandi akagira uruhare kuli iyo nyungu.

Itandukaniro ly'ibihangano karande n'ibifite ba nyirabyo

- Ibihangano karande ni ibidafite bene byo bazwi buli muntu ku giti cye. Ibyo rero itegeko ryabihaliye Leta.

Mu ngingo ya 19 n'iya 20 z'itegeko havugwa ko indilimbo iyo yashyizwe kuli phonograme (cassette, disque, bande) igatangazwa, Ibigo by'Itangazamakuru bifite uburenganzira bwo kuyisakaza aliko bikubahiliza uburenganzira bw'abahanzi.

Mu ngingo ya 38 : ku byerekeye amarushanwa :

- Iyo umuntu ahimbye atumiwe mu gutegura amarushanwa, hali ibintu bitatu bishoboka :

.../...

- Gukoresha irushanwa ugatanga ibihembo ku batsinze aliko umuhimbyi agasigarana uburenganzira bwe.
- Gukoresha irushanwa, ugatanga ibihembo indilimbo igasigara ali iya nyirugukoresha irushanwa.
- Niba uhimbira ku kazi uhemberwa, uburenganzira bw'umuhanzi buzaba ubw'umukoresha cyangwa bakumvikana.

Mu ngingo ya 20 n'iya 107, hasobanurwa ibi :

- Ibigo by'itangaza-makuru iyo umucuranzi abyemereye gufata amajwi by'agateganyo nyuma y'amezi atandatu ibyo bayafatiyeho bigacibwa hagasigara kopi imwe yo kubika, ntawe uhera kuli iyo kopi ngo akore phonogrammes zo gucuruza ku buryo yishakiye.

Mu ngingo 105, itegeko ryemerera umuntu ku giti cye gufata indilimbo za kanaka kugirango aziyumvire iwe n'umulyango we atali izo gucuruza.

- Ingingo ya 108 y'itegeko iteganya ko umuntu wese uzanyuranya n'ili tegeko azafungwa kuva ku mezi 2 kugeza ku myaka ibili n'ihazabu itarenze ibihumbi 20 cyangwa kimwe muli ibyo.

Milita SEBUDANGA yakomeje avuga ko abantu batarajijukirwa n'ibikubiye muli ili tegeko kugirango ubuhemu n'ubujura bugaragaye bushyirwe mu bucamanza : nko kubona ufite indilimbo zawe kuli radiyo umuntu akajya kuziba akazicuruza. Kuli iyo ngingo igihe uhaye Radiyo indilimbo hagomba kuba amasezerano yerekeye imikoreshereze yayo.

- Ya ngingo 105 aliko iteganya ko ushobora gufata indilimbo kuli Radiyo zo kwiyumvira ku giti cyawe nta bucuruzi bulimo.

- Iyo igihangano gikoreshwa n'Ikigo cya Leta kidaharanira inyungu, bagisaba gutanga umubare w'amafranga yumvikanweho akagabanwa na bene indilimbo zahise kuli Radiyo.

- Ku byerekeye Radiyo Rwanda, hateguwe amasezerano hagati ya Radiyo Rwanda na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga kugirango Radiyo ijye itanga amafaranga y'uburenganzira bw'umuhanzi. Ofisi y'Amatangazo ya Leta yemeye gutanga 2% y'ingengo y'Imali ya Radiyo Rwanda.

Ofisi y'Amatangazo ya Leta yatangiye gukora ututonde rw'indilimbo zihita kuli Radiyo Rwanda noneho buli minsi cumi n'itanu raporo ikajya yoherezwa muli Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga ilimo lisiti y'indilimbo zahise kuli Radiyo n'igihe zamaze.

Itandukaniro ry'umuhanzi n'umulirimbyi mu kubahiliza liliya tegeko.

Umuhanzi ni uhimba indilimbo. Umulirimbyi ni ulirimba indilimbo yahimbwe n'undi.
Uburenganzira bw'umuhanzi buhabwa nyili indilimbo naho umulirimbyi akabona uburenganzira bwungilije. Ubwo burenganzira bureba n'abakinnyi b'ikinamico, n'Ibigo by'Itangazamakuru, abakoresha za phonogrammes kugirango hatazaba ipandisha (concurrence) kandi nabo barashyizeho akabo.

- Ingingo ya 92 y'itegeko isobanura ko nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo gutangaza mu bitaramo, bwo gutubura, bwo gufata amajwi, indilimbo cyangwa incurango umuhanzi atabimuhereye uruhushya.

Milita SEBUDANGA arangije ijambo rye, hakulikiyeho ibibazo n'ibyifuzo :

- Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga ilifuza ko A.M.R. yakora urutonde rw'indilimbo ziliho kugirango habe contrôle y'uko zikoreshwa mu buryo bw'inyungu cyangwa ubundi.
- Mu kubara inyungu Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga ilifuza gufatanya n'abahagaraliye abahanzi kugirango bimenyere uko izo nyungu zizagabanywa bakulikije lisiti Ofisi y'Amatangazo ya Leta izaba yayigejejeho.

- A.M.R. ishobora gusaba ahantu hose bakoreshereza ibitaramo, nko mu mahoteli gucuranga indilimbo nyarwanda kandi bakagira icyo batanga ku byerekeye uburenganzira bw'umuhanzi. Ibyo byajya bituma kandi abanyamahanga bamenya umuco nyarwanda.

- Radiyo Rwanda ntiyagombye kubahiliza uburenganzira bw'umuhanzi ku ndilimbo yahitishijwe ali yose gusa, ahubwo yagombye guteranya ibice byose by'indilimbo bitambutse mu biganiro, cyangwa mu kwamamaza hanyuma Radiyo ikazishyura ku mwaka. Byakunze kugaragara kenshi ko muli uko kwamamaza Radiyo ihabonera amafaranga menshi.

Mu masezerano ataha, Radiyo Rwanda yagirana na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, A.M.R. yagombye kuba ihali.

- Mu masezerano ya Radiyo igirana na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga kubyerekeye kwubahiliza uburenganzira bw'umuhanzi, hali bakwiye kubara bakulikije uko mu bindi bihugu babigenza. Kuli icyo cyifuzo, igisubizo ni uko igihembo cy'umuhanzi kibarwa ku buryo bugenekerejwe iyo gikoreshejwe n'ikigo cya Leta kidaharanira inyungu.

.../...

- A.M.R. igomba kurengera uburenganzira bw'abahanzi bavutswa na Ofisi y'Amatangazo ya Leta kandi Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga ikamenya ko kugeza ubu imibare baheraho babara batayemeye. Kandi Radiyo ikagomba gutangira kubara guhera igihe itegeko ryemerewe nkuko iryo tegeko libivuga.

- Abali mu nama kandi bati mu marushanwa amwe n'amwe baha umuhimbyi igihembo aliko bakanwambura uburenganzira bw'umuhanzi. Ariko wasuzuma ukareba inyungu nyili ugukoresha irushanwa abona nyuma ugereranije n'ibihembo yatanze ugasanga umuhanzi ahagwa.

- Perezida w'inama yasabye abahanzi gusoma neza itegeko libarengera bakalisobanukirwa kugirango bajye bajya mu marushanwa bashyire umukono ku masezerano bumva.

- Abagize inama kandi baje kugera ku kibazo cyerekeye ubujura bakorera u Rwanda mu mahanga ku byerekeye uburenganzira bw'umuhanzi. Igihe umunyarwanda agiye gukina hanze, yagombye kwitwaza urwandiko rw'umulyango urengera abahanzi kugirango atazitirwa mu mahanga.

- Uhagaraliye Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga yasobanuye kuli icyo kibazo avuga ko hashoboraga gushingwa inzego eshatu zakulikirana inyungu z'abahanzi :

  - Hali nka sosiyete y'abantu
  - Hali ikigo cya Leta
  - Hali na Service ya Leta.

Leta ikaba yarasanze sosiyete y'abantu idashobora gucunga neza umutungo wava mu nyungu z'uburenganzira bw'abahanzi.

Ikigo cya Leta kugishyiraho ntibiraba ngombwa kuko inyungu zituruka ku burenganzira bw'abahanzi zitaraba nyinshi.

Nibwo Leta yiyemeje gushyiraho urwego rushinzwe kubahiliza uburenganzira bw'umuhanzi muli Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga. Kugeza ubu aliko bikaba nta bikorwa byinshi urwo rwego rwagaragaje bitewe nuko Ofisi y'Amatangazo ya Leta itaratanga Amafaranga agomba kugabanwa Abahanzi ikindi kandi ubufatanye bw'Ishyirahamwe A.M.R. n'Urwo rwego mu guharanira inyungu z'abahanzi mu Rwanda no mu mahanga butali bwatera imbere.

Abali mu nama bamaze kujya impaka kuli ibyo bibazo byose hakulikiyeho ibyifuzo bikulikira :

IBYIFUZO BY'INAMA YAHUJE ABARIRIMBYI, ABACURANZI N'ABAHANZI BO MU RWANDA, YATERANIYE I KAVUMU KW'ITALIKI YA 25 N'IYA 26 UKWAKIRA 1987.

---

Inama :

Imaze kubona ko itazi neza aho imilimo ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, itandukaniye mu byerekeye abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi;

Imaze kubona ko, mu mpande nyinshi z'Igihugu, abantu bifuza kubona za orkestre, za Korali, za Ballets n'aba solistes, kandi kenshi ababikora badafite uburyo buhagije bwo kubageraho;

Imaze kumva raporo ya Komite ya A.M.R. n'ukuntu imari y'umuryango yarigishijwe;

Imaze kubona ko idashobora gutora Komite nshya, kubera ko itahamagawe mu buryo buteganwa n'amategeko ya A.M.R.;

Imaze kubona ko Komite ya A.M.R. iliho ubu itigeze yandikwa mw'Igazeti ya Leta, ibyo bikayibuza gukulikirana bimwe mu bibazo byadindije umuryango;

Imaze kubona ko abalirimbyi, abacuranzi n'abahanzi batazi neza ahari ibya ngombwa bituma bataramira abaturage nta mbogamizi;

Imaze kubona ko uburenganzira bw'abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi, bukeneye kurengerwa ku buryo bugaragara, kandi buhuje n'amategeko;

Imaze kubona ko amarushanwa, n'amaserukira-muco bisa n'ibitagira urwego rubigenga abashaka kubikoresha bakwitabaza;

1) Isabye Ministeri zishinzwe iby'umuco, iby'imikino gakondo n'imyidagaduro, gusobanura uruhare rugenewe buli Ministeri, kugira ngo abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi, n'umuryango wabo, bamenye neza uko bagomba gukorana n'izo nzego za Leta.

2) Isabye Leta gutera inkunga abagize za Orkestre, za Korali, za Ballets, n'aba soliste kugira ngo zigere hirya no hino mu gihugu aho bazifuza.

3) Isabye Komite ya A.M.R. kwihutira gushaka ibya ngombwa byemewe n'amategeko, kugirango ibone uko ikurikirana ibibazo by'umuryango, nko kwishyuza imari yarigishijwe n'abanyamuryango bamwe.

.../...

4) Isabye Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, gufatanya na Komite ya A.M.R., ikaba urwego rugenga abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi ku buryo aba soliste, za orkestre, za korali, na za Ballets zivuka, byabanza kwemerwa nayo, abashaka gukoresha amarushanwa n'amaserukira-muco bakemerwa nayo, kugeza igihe umuryango A.M.R. uzagirira ubushobozi bwo gukora uwo murimo, Ministeri igasigara iwutera inkunga.

5) Isabye Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative gutera inkunga Komite ya A.M.R., kugira ngo iyo Komite ihamagaze inama rusange y'umuryango, uyu mwaka utarashira.

6) Isabye urwego rushinzwe kwubahiriza uburenganzira bw'abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi, gutambamira abafotora, abashyira muli sinema n'abakopora ibihangano, badafite uburenganzira bwa bene byo.

7) Isabye kandi urwo rwego, rwo muli Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga rubishinzwe, gusobanurira abaturage muli Radiyo no mu nyandiko itegeko rigenga uburenganzira bw'umuhanzi.

8) Isabye A.M.R. gufatanya na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, kunonosora ibarura ry'ahashobora gutaramirwa, n'ibiharanga by'ingenzi.

9) Isabye Ministeri ibishinzwe gukora uko ishoboye kugira ngo habeho ishuri ryigisha muzika no gucuranga, ibyo bikaba byagendana no gushaka abahugura abasanzwe bacuranga.

10) Isabye ubuyobozi bwa Ofisi y'Amatangazo ya Leta gukora uko bushoboye ngo bworohereze abaririmbyi, abacuranzi n'abahanzi, uburyo bwo gutangaza muli Radiyo, ibyo bakora cyangwa bagamije gukora.

11) Isabye ko, mw'igena ry'igikwiye guhabwa umuririmbyi, umucuranzi cyangwa umuhanzi, ku ndirimbo zikoreshwa na Radiyo-Rwanda, bakwita ku ndirimbo no ku bice byazo, kandi aho gushingira ku ngengo y'imari ya Radiyo-Rwanda, bagashingira ku ruhare izo ndirimbo zifite muli Radiyo, ibyo kandi ntibibuze kugenera ibiciro, indirimbo zaba zaragize ahandi zitangwa, nko mu yandi maradiyo.

## GUSHIMIRA

- Abahanzi n'Abahimbyi b'umuziki bateraniye muli iyi nama imaze kurangira:
  - barashimira Nyakubahwa Prezida wa Republika uburyo yumva ibibazo by'abahanzi n'Abalirimbyi b'u RWANDA agahora yifuza ko umwuga wabo wajya mbere.

.../...

- barashimira kandi Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kubera ko ahora hafi yabo, akumva ibibazo byabo kandi akagerageza kubafasha kubabonera umuti : ali inama abagira, ali ukubatiza ibyuma by'umuziki, ali ukubafasha kubabonera aho bakinira.

- barashimira kandi Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kuko yatumye iyi nama ishobora kuba akayitumiza, Ministeri ashinzwe igacumbikira kandi igatunga abaje muli iyi nama.

- barashimira kandi Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kuko yigomwe imilimo yindi ashinzwe akaza gutangiza iyi nama kandi akanayisoza.

- barashimira kandi byimazeyo nanone Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kubera uburyo ashyigikiye ibyemezo byafatiwe muli iyi nama tukaba twizeye ko bizatuma umwuga wo guhimba umuziki mu Rwanda utera imbere.

- barashimira Prezidansi ya Muvoma na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga kubera ko zaboherereje intumwa zabagejejeho ibitekerezo by'ingirakamaro muli iyi nama.

- barashimira kandi abafasha ba Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative bitanze batizigamye mu gutegura iyi nama no gutunganya imilimo yayo.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yashoje inama ashimira abali bayijemo kuba barabyifashemo neza. Ati "ariko hali ingingo imwe nabahaye kwiga mukaba mwayikikiye : kugaragaza ibyifuzo byanyu ku mupaka waho Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga zitandukanira mu guteza imbere ibikorwa by'abahanzi, abacuranzi n'abalirimbyi". Yakomeje agira ati hali kandi n'Umulyango A.M.R. mu rwego rwungilije ugomba kubavuganira mukawemera, ugakomeza ugakora.

Ministri NDINDILIYIMANA yifuje ko hatorwa vuba Komite nshya y'A.M.R. Yavuze ko uwo muryango ugomba kwigenga ariko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikawufasha kuli ibi bikulikira :

- kuwuha ibiro byo gukoreramo
- gutanga umukozi ushinzwe Sekretariya
- kugira uruhare mu kugenzura ibyerekeye gucunga imali y'umuryango.

.../...

Yasabye abali mu nama guteganya italiki yo gutoreraho Komite nshya y'A.M.R. kandi kugirango hagaragazwe ivuka lishya ry'umuryango yabasabye ko hategurwa iserukira-muco bakazerekaniramo abayobozi bashya ndetse amafaranga avuyemo A.M.R. ikazayaheraho mu milimo yabo.

Yavuze kandi ko Ministeri yakoze lisiti y'ahantu mu Rwanda ho kwidagadulira yohererezwa z'Ambassade z'u Rwanda mu mahanga. Abantu nabo ku giti cyabo bafite amazu yangombwa bashobora guteganya ahantu ho kwidagadurira.

Ministri yasabye ko hashyirwaho mu Rwanda programu y'imyidagaduro ya za Ballets, za Orkestre n'aba solistes. Abayobozi b'urubyiruko no Gutsura za Koperative muli Komini bagomba gukora ku buryo buli karere kagira uburyo bwo kugaragaza imikino kihaliye. Hakaba haliho itorero ry'Igihugu lishinzwe guhuza iyo mikino ku rwego rw'Igihugu. Iryo torero ryihugulira mu kigo cyo mu Rukali. Hali kandi n'agatabo gasobanura iby'imyidagaduro mu Rwanda "Guide de Loisirs" kagomba gutegurwa n'inzego zibishinzwe muli Ministeri. Hazashingwa n'ishuli rya muzika lizita ku bikoresho gakondo n'ibya kizungu. Iryo shuli lizakorera kuli Stade Nasiyonali i Remera. Ariko ikibazo ni ukubona abanyeshuli babishaka n'impuguke zo mu mahanga zadufasha kwigisha ingingo z'ibanze za muzika n'amahugurwa y'abanyamuzika.

Ministri NDINDILIYIMANA Augustin yashoje inama yemereye abalirimbyi, abacuranzi n'abahanzi kuzabavuganira imbere y'izindi nzego z'ubutegetsi. Yashimye ko abali mu nama bali bafite ishyaka. Abemerera kubafasha gushaka kuzahura A.M.R., kungurana inama no gucengeza ibya muzika mu rubyiruko.

Umwanditsi

RUGAMBA Cyprien.

P.O. UWIMANA J.M.V.

Prezida w'Inama

MUHATURUKUNDO Norbert.

ABALI MU NAMA Y'ABALIRIMBYI, ABACURANZI N'ABAHANZI YATERANYE KUWA 25 KUGEZA KUWA 26 UKWAKIRA 1987.

I. ABAYOBOYE INAMA

1. Bwana NDINDILIYIMANA Augustin, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative,

2. Bwana MUHATURUKUNDO Norbert, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Siporo n'Imyidagaduro,

3. Bwana RUGAMBA Cyprien, Umuyobozi w'IKIGO cy'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga "I.N.R.S.",

4. Bwana NKULIKIYINKA J.Baptiste, Umuyobozi ushinzwe Imyidagaduro,

5. Bwana SEBUDANGA Augustin, Umuyobozi wa Service ushinzwe iby'Uburenganzira bw'Umuhanzi,

6. Bwana RUKEBESHA Aloys, Umuyobozi ushinzwe ibya Politiki muli M.R.N.D.,

7. Bwana UWIMANA J.M.Vianney, Shefu w'Ibiro by'Imyidagaduro,
8. Bwana MUNYANEZA Epimaque, Umukozi wa MIJEUCOOP,
9. Bwana MASABO François, Umukozi wa MIJEUCOOP,
10. Bwana NGORORABANGA Léopold, Umukozi wa MIJEUCOOP,
11. Bwana KAVANGE P.Claver, Umukozi muli MIJEUCOOP,
12. Madame MUKASHEMA Floride, Umukozi wa MIJEUCOOP,
13. Madamazera NGWINONDEBE Dévota, Umukozi wa MIJEUCOOP.

II. ABAHAGARALIYE ZA ORCHESTRE.

| | | |
|---|---|---|
| 14. KAREMERA Rodrigue | : | PAMARO B.P. 1595 KIGALI |
| 15. HABINEZA Shabani | : | ABAMARARUNGU B.P. 82 KIGALI |
| 16. NAHIMANA Ramadhani | : | INKUMBURWA B.P. 90 SULFO-RWANDA - KIGALI |
| 17. SAMPUTU Jean Paul | : | INGELI B.P. 49 GISENYI |
| 18. MUGEMANA Domitien | : | SALUS POPULI B.P. 117 BUTARE |
| 19. NGABOYISONGA Bernard | : | Les CITADINS B.P. 354 KIGALI |
| 20. UWAMALIYA Joseph Sarto | : | Les Jeunes d'Amour C/O Commune KANOMBE |
| 21. BIKOLIMANA André | : | IMPESSA C.F.S. B.P. 665 BUTARE |
| 22. MAMBO | : | MUHABURA B.P. 874 KIGALI |
| 23. NGENZI Fidèle | : | IMPALA B.P. 1123 KIGALI |
| 24. KAYINAMURA Timothée | : | IZUBA B.P. 946 KIGALI |
| 25. TUMUSIFU Frédéric | : | CONFIANCE B.P. 4 KIBUNGO |
| 26. GACUNDA J.Népomuscène | : | Amis des Jeunes B.P. 6 CYANGUGU. |

III. ABAHAGARALIYE ZA KORALI

| | | |
|---|---|---|
| 27. RUBAYITA Théophile | : | Fidelis INDAHEMUKA B.P. 621 KIGALI |
| 28. IYAKAREMYE Olivier | : | La FRATERNITE B.P. 658 KIGALI |

.../...

29. TWAGIRAYEZU Thaddée : Chorale de KIGALI B.P. 1044 KIGALI
30. HALERIMANA Eliazar : Chorale ABASARUZI B.P. 247 KIGALI
31. BAZIRAMWABO MAFUNDI Phénias : Chorale Bonne Espérance B.P. 247 KIGALI
32. UWILINGIYIMANA Cassien : Chorale St Charles Lwanga B.P. 77 KIGALI
33. NSHIMYIMANA J.Damascène: Chorale U.N.R. BUTARE B.P. 117 BUTARE
34. KALISA Bernard : Chorale de Nyamasheke B.P. 7 CYANGUGU
35. BAYINGANA J.Baptiste : Chorale St Michel B.P. 358 KIGALI
36. NDUWUMWE Canisius : Chorale URUNANA B.P. 608 KIGALI
37. NGIRUWONSANGA Noé : Chorale ABASARUZI B.P. 211 KIGALI

IV. <u>Solistes</u>

38. BEBWA John : Guitare C/O A.M.R.
39. GASHARANKWANZI Sylvestre: Inanga nyarwanda - KANZENZE B.P. 111 NYAMATA
40. MWITENAWE Augustin : Guitare B.P. 749 KIGALI
41. MAKANYAGA Abdul : Guitare A.R. B.P. 1164 KIGALI
42. RANDERESI Landouard : Chanteur-compositeur B.P. 375 KIGALI
43. MBONEYE RUDABALI Eulade : Guitare P.A.G. B.P. 30 GITARAMA
44. NDARAMA J.Claude : Inanga C/O Limonaderie B.P. 131 KIGALI
45. KAMALI Alphonse : Chanteur-compositeur - MINEPRISEC B.P. 622 KIGALI
46. RWAKABAYIZA J.Berchmans : Chanteur-Compositeur - O.R.T.P.N. B.P. 905 KIGALI
47. SEKIMONYO Emmanuel : Auteur-Compositeur et Interprète B.P. 911 KIGALI
48. NYAKABWA Lucien : Chanteur-Compositeur (Guitare) B.P. 354 KIGALI
49. MASABO NYANGEZI Juvénal : Auteur-Compositeur - Interprète B.P. 24 KIGALI
50. RWISHYURA Appolinaire : Inanga B.P. 1348 KIGALI.
51. NGABONZIZA Augustin : Guitare B.P. 537 KIGALI.

MUHATURUKUNDO

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le

N° 0450 /15.08.01

cl 1

Monsieur ..............................
......................................
......................................

Monsieur,

J'ai l'honneur de vous transmettre en annexe le compte rendu de la réunion de coordination du match PANTHERES NOIRES - WAGAD de SOMALIE tenue le 11/2/1988 dans les locaux de mon Département.

Il y a lieu de rappeler que ladite réunion constitue le complément de la note de service n° 0423/15.08.01 du 11/02/1988.

Veuillez agréer, Monsieur, l'expression de ma considération distinguée.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINIJEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

MUHATURUKUNDO Norbert
Directeur Général

C.P.I.à:
- Monsieur le Chef d'Etat Major
de la Gendarmerie Nationale
K I G A L I

Procès-verbal de la réunion de coordination du match PANTHERES NOIRES - WAGAD de SOMALIE prévu le 14/2/1988.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Ce jeudi 11 Février s'est tenue au MIJEUCOOP une réunion de préparation du match PANTHERES NOIRES - WAGAD. Elle regroupait les membres du Bureau Fédéral, les Responsables du Club PANTHERES NOIRES ainsi que les personnes affectées aux tâches importantes lors de la rencontre. Elle était présidée par le Directeur Général des Sports et Loisirs. En annexe la liste des participants.

Les participants ont examiné rubrique par rubrique la note de service n° 0423/15.08.01 du 11 Février 1988.

Un membre a voulu savoir, dès le début de la réunion si le Ministère, en décidant de présider cette réunion n'empiète pas aux attributions de la FERWAFA qui est habilité à faire ce travail conformément aux statuts existants.

Le Directeur Général a répondu que la préparation de ce match requiertune importance capitale et engage tout le pays, par conséquent elle doit être minutieusement préparé par le département en collaboration avec la Fédération et le Club directement concerné.

I. Coordination

Un des participants a fait observer que la coordination devrait être assurée par le Président de la FERWAFA au lieu du Premier Vice-Président. Le Président a lui-même répondu qu'ayant d'autres responsabilités contraignantes, il s'est fait remplacer par son Premier Vice-Président.

II. Accueil

- Afin de faciliter toutes les formalités d'entrée et de sortie à l'aéroport, les agents affectés à cette tâche devraient avoir des macarons donnant accès à la salle de transit ou à défaut une autorisation écrite. Aussi il a été décidé qu'une lettre de demande d'autorisation soit adressée immédiatement au Directeur de la Régie des Aéroports du Rwanda.

- Généralement, la CAF recommande un hôtel de première classe pour les joueurs. Au cas où la délégation Somalienne refusait de loger à l'hôtel BIENVENUE, le personnel de coordination examinerait une solution de rechange. Il ne s'est donc pas avéré nécessaire d'étudier la question comme si WAGAD avait déjà refusé. Au demeurant, les formations somaliennes se sont toujours plues dans cet hôtel qui, comme l'a fait remarquer un des membres de la réunion, est de la même catégorie que les hôtels offerts par la Somalie si le nôtre n'est pas meilleur.

.../...

III. Transport

Le Club PANTHERES NOIRES mettra à la disposition des joueurs un minibus et 3 autres voitures pour les officiels, tandis que le véhicule de la FERWAFA ou du MIJEUCOOP transportera les bagages de la formation visiteuse. Les véhicules devront être prêts Vendredi 12 Février à 11 heures devant le MIJEUCOOP.

IV. Préparation du terrain

Dix juniors des PANTHERES NOIRES seront placés aux alentours du terrain pour ramasser les balles. Ils porteront une tenue différente de celle des joueurs et arriveront en même temps que les joueurs dans les vestiaires pour le contrôle.

V. Impression et vente des tickets

Le Trésorier Général de la FERWAFA a d'abord porté à la connaissance des membres de la réunion qu'il avait retiré les tickets commandés sur son initiative. Il fut décidé que la distribution dans les kiosques devait se faire Vendredi matin.

En référence à l'expérience vécue lors du match MUKURA - MBABANE la semaine dernière, il a été demandé aux responsables de la vente ainsi qu'à la Gendarmerie de redoubler de vigilance pour éviter la fraude. Il avait en effet été relevé que deux carnets d'une valeur de 100.000 FRW avaient disparu et vendu frauduleusement.

Le problème du compte sur lequel devait être versé le fruit des recettes a été soulevé. Il a été décidé que pour le moment, la décision prise lors de la réunion qui a préparée le match MUKURA - MBABANE reste inchangée. L'argent sera versé sur le compte "Location Stade" en attendant d'autres dispositions. Il a été donc noté que ce n'est pas une décision immuable et qu'il faudra tenir compte des circonstances qui l'avait motivée ainsi que du souci de ne pas mélanger la comptabilité.

VII. Protocole et contrôle des entrées

Il faut placer 3 personnes du MIJEUCOOP sur les portes principales, pour orienter les personnalités car ce travail n'est pas normalement dans les attributions de la Gendarmerie.

A la question de savoir si on ne pouvait pas multiplier les voies de circulation pour faciliter l'évacuation rapide des véhicules après le match, il a été décidé de ne pas créer d'autres difficultées de circulation en contraignant les usagers qui n'ont rien à avoir avec le match. Il fut précisé qu'une des voies proposée à savoir la route en terre battue en face de la porte n° 2 était actuellement impraticable.
Les modalités envisagées initialement restent inchangées, étant entendu qu'une patience de 10 à 20 minutes ne constitue pas une difficulté à ne pas surmonter.

Dans le contrôle des entrées, ce n'est pas les agents de l'ordre qui doivent déchirer les tickets mais plutôt les agents du MIJEUCOOP. Les agents de l'ordre s'occupent uniquement de la sécurité. Néanmoins il peuvent suppléer en cas de besoin.

A la question de savoir ce qu'on pourrait faire des enfants qui viennent avec leurs parents et occupent les places reservées surtout à la tribune d'honneur, il a été suggéré que dans la publicité à la radio, on insiste sur le fait que les enfants ne seront pas admis. Néanmoins ceux qui persisteront à les amener seront tolerés. Ce problème sera résolu au moment où les places dans les stades seront numérotées et que chacun occupera la place lui réservée.

Lors de la réception provisoire du stade, le MIJEUCOOP pourrait demander à la partie chinoise de procéder à la numérotation de toutes les places.

VIII. <u>Réception</u>

Il a été noté que les réceptions coûtent enormément cher; il faut les organiser de manière à minimiser les dépenses, notamment en organisant une réception debout, genre coktail. Pour les prochaines réceptions, il faudra penser à préparer les plats locaux dans le souci de valoriser notre production et peut être mieux plaire aux visiteurs qui pourraient se lasser des plats classiques auxquels ils sont habitués.

IX. <u>Divers</u>

Pour la sécurité des joueurs, la Gendarmerie prévoiera l'escorte.

.../...

Dans le souci d'une bonne organisation et d'éviter une inprovisation, il faut prévoir deux réunions avant le match. La première aurait lieu 3 semaines avant le match et une autre 2 jours avant. Ceci permettra à chacun de connaître ses tâches à l'avance afin de s'y préparer en conséquence.

Conformément au règlement de la CAF, les arbitres doivent recevoir leurs frais d'arbitrage la veille du match. Mais comme il s'est averé impossible de posséder à l'avance toutes les coordonnées pour calculer ces frais afin de chercher les devises, il a été décidé qu'on essayera de faire le nécessaire au plus tard lundi le 15 Février 1988. Cette difficulté sera expliqué au commissaire et aux arbitres.

La réunion a clos ses travaux à 18H10'.

<u>Le Rapporteur de la réunion</u> :
MUKABIDELI Perpétue
Chef de Bureau Information
et Documentation.-

<u>Le Président de la réunion</u> :
MUHATURUKUNDO Norbert
Directeur Général des
Sports et Loisirs.-

## Liste des participants

1. Monsieur MUHATURUKUNDO Norbert, Directeur Général des Sports et Loisirs et Président de la réunion
2. Monsieur NJANGWE Philippe, Directeur des Sports
3. Monsieur TWAGIRAYEZU Emmanuel, Chef de Division Activités Sportives
4. Monsieur MUSILIKARE J. Népomuscène, Chef de Bureau Sports d'Equipe
5. Madame MUKABIDELI Perpétue, Chef de Bureau Information et Documentation et rapporteur de la réunion
6. Monsieur TWAGIRAMUNGU Faustin, Président de la FERWAFA
7. LtCol UWIHOREYE Charles, Premier Vice-Président de la FERWAFA
8. Monsieur MBANDA Jean, Secrétaire Général de la FERWAFA
9. Monsieur NYILINKINDI Japhet, Secrétaire Général Adjoint de la FERWAFA
10. Monsieur BICAMUMPAKA Dominique, Trésorier Général de la FERWAFA
11. Monsieur MUDAHEMUKA Alexandre, Secrétaire permanent de la FERWAFA
12. Colonel BUREGEYA Bonaventure, Président de l'Equipe PANTHERES NOIRES
13. Major NYILIMANZI, Trésorier Général des PANTHERES NOIRES
14. Cdt NSENGIYUMVA Groupement Mobile Gendarmerie Nationale
15. Cpt BIZIMANA C.g Gendarnerie Nationale
16. Lt MPIRANYA , Securté routière Gendarmerie Natinnale
17. Lt HALELIMANA P.C des Panthères Noires
18. Adj. Chef GASE F. des Panthères Noires